


# Niki mushiki wa Vusi yavuze?


Nina Orange
Wiehan de Jager
Patrick Munyurangabo


4


Ikinyarwanda rw



Kare mu Igitondo kimwe nyirakuru wa Vusi yaramuhamagaye, “Vusi, mbabarira ujyane iri gi ku ababyeyi bawe. Barashaka gukora keke nini y’ubukwe bwa mushiki wawe”.



Munzira ajya kubabyeyi be, Vusi yahuye n’abahungu babiri batoragura imbuto. Umwe yashikuje igi Vusi aritera ku igiti. Ryagi rirameneka.



“Nibiki mukoze?” Vusi yararize. “Iryo gi ryari iryo gukora keke. Keke yari iy’ubukwe bwa mushiki wange. Niki mushiki wange aribuvuge nimba nta keke y’ubukwe?”



Abahungu basabye imbabazi kubwo gukinisha Vusi. “Ntitwagufasha na keke, ariko aka ni akabando (ko kwifashisha mu kugenda) ko guha mushiki wawe,” Umwe yaravuze. Vusi yakomeje urugendo rwe.



Munzira yahuye n’abagabo babiri barimo kubaka inzu. “Twakoresha iyo nkoni ikomeye?” Umwe arabaza. Ariko inkoni ntiyari ikomeye bihagije, yaravunitse.



“Nibiki mukoze?” Vusi yararize. “Iyo nkoni yari impano ya mushiki wange. Abasoromyi b’imbuto bampaye inkoni kuberako bamennye igi rya keke. Keke yari iy’ubukwe bwa mushiki wange. Ubu nta gi, nta keke, nta n’impano. Ni iki mushiki wange aribuvuge?”



Abubatsi byarababaje kuvuna inkoni.
“Ntitwagufasha na keke, ariko fatata ibi byatsi byo gusakara byo guha mushiki wawe,” Umwe yaravuzez. Nuko Vusi akomeza urugendo rwe.




Munsira, Vusi yahuye n’umuhinzi n’inka. “Mbega ibyatsi biryoshye, naryaho bike?” Inka yarabajije. Ariko ibyatsi byari biryoshye cyane inka irabirya byose.



“Nibiki ukoze?” Vusi yararize. “Ibyo byatsi byari impano ya mushiki wange. Abubatsi bampaye ibyatsi kuberako baciye inkoni abasoromyi b’imbuto bari bampaye. Abasoromyi bari bampaye inkoni kuberako bamennye igi rya keke ya mushiki wange. Ubu ntagi, nta keke, ntan’impano. Niki mushiki wange aribuvuge?”



Inka byarayibabaje kubera ubusambo. Umuhinzi yemeye ko inka ijyana na Vusi nk'impano yo guha mushiki we. Nuko Vusi arakomeza.



Ariko inka yarirukatse isanga umuhinzi mugihe cyamafunguro yanimugoroba. Na Vusi yaburiye kurugendo rwe. Yageze mubukwe bwa mushiki we atinze cyane. Abashyitsi barimo barya.



“Niki nakora?” Vusi yararize. “Inka yirukatse yari impano, kubw’ibyatsi abubatsi bari bampaye. Abubatsi bampaye ibyatsi kubera ko baciye inkoni nari nahawe n’abasoromyi. Abasoromyi bampaye inkoni kubera ko bamennye igi. Keke yari iy’ubukwe. Ubu ntagi, nta keke, ntan’impano.”



Mushiki wa Vusi yatekereje akanya, arangije aravuga, “Vusi musaza wange, ntago nitaye ku mpano. Ntanubwo nitaye kuri keke! Turi hano twese hamwe, ndishimye. Ubu amambara imyenda yawe myiza, twizihize uyu munsi!” Kandi nibyo Vusi yakoze.

# Global Storybooks

globalstorybooks.net

## Niki mushiki wa Vusi yavuze?


Nina Orange
Wiehan de Jager
Patrick Munyurangabo


CC BY